REPUBULIKA Y'U RWANDA

Karongi, 23/04/2019
No...435.../07.03/01

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
Karongi Pension Plazza, 1st and 4th Floor
E-mail: westernprovince@westernprovince.gov.rw
**B.P. 62 KIBUYE**

**KARONGI DISTRICT**
**DISTRICT COUNCIL**
*FOR RECEPTION*
Date: 25/04/2019
Signature: ..................................

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**Impamvu**: Imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 29/03/2019

Bwana Muyobozi,

Nkwandikiye ngushimira raporo ikubiyemo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye mu nama isanzwe yo ku wa 29/03/2019, wanyohereje ku mugereka w'ibaruwa N° 008/CC/03/0301 yo ku wa 09/04/2019, ikaba yarangezeho ku wa 11/04/2019;

Indi myanzuro ishyirwe mu bikorwa.

Ugire amahoro.

**MUNYANTWALI Alphonse**
Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Bimenyeshejwe:**
-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

KARONGI DISTRICT
FOR RECEPTION
Date: 12/04/2019
Signature: ..........

Karongi, ku wa 09/04/2019

N° ..0..CC/03/0301

WESTERN PROVINCE
11 APR 2019
RECEIVED BY..........


**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**

**AKARERE KA KARONGI**

**INAMA NJYANAMA**
**E-mail:** karongidistrict@yahoo.fr

**B.P 23 KIBUYE**


Bwana Geverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye kuwa 29/03/2019 mu cyumba cy'inama cy'Akarere.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi.

**Bimenyeshejwe:**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **KARONGI**

## MYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 29/03/2019

Mu cyumba cy'inama cy'Akarere kuwa 29/03/2019 habereye inana isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yitabirwa n'abajyanama 24./28 , iyo nama yatangiye saa yine (10H00) iyobowe n' Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere Bwana **MUTANGANA Frederic.**

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/12/2018 n' inama zidasanzwe z'Inama Njyanama zo kuwa 18/01/2019, 22/02/2019 no gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro zayo.
2. Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa.
3. Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama.
4. Kwemeza Gahunda y'Iterambere ry'Akarere (DDS).

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama bafashe imyanzuro ikurikira

| Ingingo zaganiriweho | Umwanzuro | Uwo bireba | Igihe bizaba byakorewe |
|---|---|---|---|
| Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/12/2018 n' inama zidasanzwe z'Inama Njyanama zo kuwa 18/01/2019, 22/02/2019 no gusuzuma raporo | Nyuma yo kugaragarizwa raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y' inama y' Inama Njyanama ziheruka,abagize Inama Njyanama barayishimye baboneraho no gufata imyanzuro ikurikira:<br>1. Inama Njyanama yemeje ko hashyizweho itsinda rigizwe na Biro, Komite Nyobozi,Perezida ba Komisiyo bazakajya gusura ahari kubakwa **Hotel Kivu Marina Bay**. | Komite Nyobozi | 30/06/2019 |
| | 2.Hashingiwe kuri raporo ya komisiyo idasanzwe yo kwa 04/01/2019 yagiye gusura abaturage bo mu murenge wa Gishyita kuri site ya Mpatsi hamwe na raporo yo 04/03/2019, Inama | Komite Nyobozi | 30/04/2019 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro zayo. | Njyanama yemeje ko Alicomec iha abaturage ingurane y'imirima yabo kuko ari igikorwa cy'inyungu rusange nkuko bikubiye mu myanzuro yaziriya nama zavuzwe haruguru. | | |
| | 3.Nyuma yo kugirwa inama na Guverineri ku mwanzuro wa 5 w'Inama Njyanama yo kuwa 22/02/2019 urebana n'imyenda igaragara mu bitabo by'ibaruramari , Inama Njyanama yemeje ko hagaragazwa uburyo bwose bwakoreshejwe mu kwishyuza iyo myenda. | Finance unit &internal auditors | 30/06/2019 |
| Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa. | 4.Nyuma yo kubona ko hari imihigo ikiri hasi, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikora road map y' uburyo imihigo igiye gukorwa kugira ngo ibashe kweswa 100%, iyo road map igashyikirizwa Inama Njyanama. | Komite Nyobozi | 05/04/2019 |
| | 5.Inama njyanama yemeje ko Komisiyo y' Imiyoborere Myiza izasura umurenge wa Ruganda kugira ngo harebwe ikibazo cyagaragajwe cy' Akagari ka Kivumu na poste de sante ya Nyamugwagwa na Biguhu bikiri kuri fondation n'impamvu zabyo . | Komisiyo y'imiyoborere myiza | 30/04/2019 |
| Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama. | 6.Nyuma yo kubona ko hari amafaranga y' inkunga yegenewe abacitse ku icumu rya genocide yakorewe Abatutsi 1994 ari kuri compte kuva 2016, Inama Njyanama yasabye ko ayo mafaranga yahabwa abo yagenewe hakurikijwe amabwiriza yatanzwe n'urwego rubishinzwe. | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | 30/04/2019 |
| | 7.Hashingiwe ku mabwiriza No 01/07 yo kuwa 01/07/2017 ya Minisitiri w'urubyiruko n'ikoranabuhanga agena imiterere, inshingano n'imikorere by' ibigo by'urubyiruko mu Rwanda mu ngingo ya 14 n'iya 15. | Inama njyanama | 29/03/2019 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | Inama Njyanama ishyizeho abagize Inama nyobozi y'ikigo cy'urubyiruko cya Karongi bakurira:<br>**-Perezida: BAGWIRE Esperance**<br>**-Visi peresida: KAYIGEMA Vincent**<br>**-Umwanditsi: NSABIMANA Felicien**<br>**-Abajyanama 5:**<br>**ABIMANA Mthias,**<br>**KAKIBIBI Annet,**<br>**Pasteur ZIGIRANYIRAZO Justin,**<br>**NDAYISABA Jonas,**<br>**NYAMURINDA Protais.** | | |
| | 8.Nyuma y'aho komisiyo y'iterambere ry' ubukungu igaragaje ko ikeneye umwiherero kubera inshingano ifite kandi zisaba ubusesenguzi bwimbitse, abagize Inama Njyanama babiganiriyeho bemeza ko hagomba gutegurwa umwiherero w'abajyanama bagize komisiyo y' bukungu, abaperezida b'andi ma komisiyo,Perezida wa komisiyo y'ubukungu muri JADF ndetse n'abayobozi b'amashami yose arebana n'ubukungu kugirango baganire ku ngengo y'imari 2019-2020 no kuri gahunda zose zijyanye n'iterambere ry'Akarere. | Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu | 30/05/2019 |
| | 9.Inama Njyanama yemeje ko amabaruwa y'abandikiye Inama Njyanama azajya abanza gusuzumwa n'ishami rirebwa n' ikibazo cyatanzwe mu Karere hanyuma rigategura raporo igaragaza uko ribona ikibazo cyakemuka, iyo raporo igashyikirizwa Inama Njyanama ikabifataho umwanzuro. | Buri muyobozi w'ishami | Buri gihe |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | 10..Mu rwego rwo kunoza imikoreshereze y'amafaranga ya fonctionnement yoherereza imirenge, Inama njyanama yemeje ko hashyirwaho umurongo umwe ufasha imirenge ku buryo ayo mafaranga agomba gukoreshwa. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa W'Akarere | Buri gihe |
| | 11.Nyuma y'aho bigaragariye ko umurongo wa Telefone itishyurwa w'Akarere utagikora kandi wifashishwa mu gutanga service n' uburyo bwo kumenyekanisha ibikorwa (mass media,website,radio ) nabyo bidakorwa, Inama Njyanama yemeje ko byakorwa. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa W'Akarere | 30/04/2019 |
| | 12.Kubera uburemere bwa service zitangwa ku Kagari , Inama Njyanama yemeje ko hihutishwa isimburwa ry'abakozi batakiri mu myanya ku rwego rw'Akagari kuko bidindiza service zihatangirwa. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 31/05/2019 |
| | 13.Nyuma yo kubona ko abantu bandikira Akarere hari abatinda kubona igisubizo, Inama Njyanama yongeye gusaba ko Akarere kajya gasubiza abakandikiye bitarenze iminsi 3. | Komite nyobozi | Buri gihe |
| Kwemeza Gahunda y'Iterambere ry'Akarere (DDS). | 14.Nyuma yo gusuzuma Gahunda y' iterambere ry'Akarere (District Development Strategy) 2018-2024 no kuyikorera ubugororangingo, Inama Njyanama yayemeje. | Inama Njyanama | 29/03/2019 |
| | 15.Inama Njyanama yemeje kandi ko hategurwa inama ihuza abaturuka i Karongi bakorera ahandi bakaganirizwa ku iterambere ry' Akarere kabo bityo nabo bakazabigiramo uruhare. | Komite Nyobozi | 30/06/2019 |

Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda n'igihe (15h30), Umuyobozi w'Inama ashimira abayitabiriye n'íbitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarereka Karongi

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI

## URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 29/03/2019

| Nº | Amazina | Igitsina | Email | Telefone | Aho yaturutse | Isaha ahagereye | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ABIMANA Mathias | M | matbimana49@gmail.com | 0788522405 | RUBENGERA | 9h00' | [signature] |
| 2 | AGASARO Aurore | F | Agasaro2010@gmail.com | 0788667363 | MUBANZE | 10h30' | [signature] |
| 3 | BAGWIRE Esperance | F | esperancebagwire@yahoo.com | 0788422766 | Rubengera | 9h00' | [signature] |
| 4 | BYABAGABO NZOYIBONA Claude | M | byanzo@yahoo.fr | 0788727087 | Gishyita | 10h30' | [signature] |
| 5 | BASIIME Jossy (Vice President | M | Jbasiimec63@gmail.com | 0788409675 | | | |
| 6 | HABIMANA Emmanuel | M | Emmanuelhabimana2015@gmail.com | 0782046789 | RUGABANO | 10h.30 | [signature] |
| 7 | KAMANZI Felix | M | Kamanzifelix2015@gmail.com | 0783862264 | Murundi | 9h00 | [signature] |
| 8 | KARAGIRE Gonzague | M | goonzaleess@yahoo.fr | 0788648897 | Murambi | 10h30 | [signature] |
| 9 | KAYIGEMA Vincent | M | vincentkayigema@gmail.com | 0788549114 | Kigali | 9h30 | [signature] |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 10 | MUKAMANA Therese | F | mukather13@gmail.com | 0788879942 | RUBENGERA | 9h00 | |
| 11 | MUKAMANA Florence | F | floremus2011@yahoo.fr | 0788852583 | [illegible] | 12h00 | |
| 12 | MUKANDEKEZI Françoise | F | mfracoise@yahoo.fr | 0788518877 | | | |
| 13 | MUKASHEMA Catherine | F | - | 0786840230 | MUTUNTU | 8h00 | |
| 14 | MUKASHEMA Drocelle | F | mudro80@yahoo.fr | 0783725640 | Murambi | 9h00 | |
| 15 | MUKASINE Dative | F | mukasinedative@gmail.com | 0783420808 | RWAMAKUBA | [illegible] | |
| 16 | MUREKATETE Marie Rose (Secretaire) | F | muremarose@yahoo.fr | 0788899835 | Bushyura | 9h00 | |
| 17 | MUREKATETE Jacqueline | F | | 0788589976 | MURUNDA | 9h00 | |
| 18 | MUTANGANA Frederic(President) | M | fredericmutangana@gmail.com | 0788305295 | MUHANGA | 9h00 | |
| 19 | MWIZA Ernest | M | mwizae@yahoo.com | 0788530438 | | | |
| 20 | NAYITURIKI Esperance | F | enayituriki@yahoo.fr | 0788832048 | Mubuga | 9h00 | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 21 | NDAYISABA François | M | ndayisabafrancis@gmail.com | 0788892749 | RUBENGERA | 9h | |
| 22 | NDIHOKUBWIMANA Frodouard | M | ndihokubwimana@yahoo.fr | 0788614057 | GITESI | 10h30' | |
| 23 | NGOBOKA Vincent | M | Vincentngoboka07@yahoo.com | 0783428364 | | | |
| 24 | NTAKIRUTIMANA Julienne | F | julianumu@gmail.com | 0788497783 | MUSANZE | 9h00 | |
| 25 | NYAMURINDA Protais | M | nyprotais@yahoo.fr | 0783420657 | Rubengera | 8h45 | |
| 26 | NZAMUTUMA Azarias | M | Azarnzam01@yahoo.fr | 0788679705 | RUTSIRO | 10h20' | |
| 27 | TWAGIRAYEZU Emmanuel | M | twagirayezu10@yahoo.fr | 0788842557 | MUBUGA | 9h00 | |
| 28 | TWAMBAJEMARIYA Jeanne d'Arc | F | twambajejeanne@yahoo.fr | 0788487181 | Rubengera | 9h00 | |